REPUBULIKA Y’U RWANDA

# IGIPIMO CY’IHINDAGURIKA RY’IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA MUTARAMA 2024

**10 Gashyantare 2024**

IKIGO CY’IGIHUGU CY’IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA MUTARAMA 2024

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Mutarama 2024. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Mu kwezi kwa Mutarama 2024, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 5% ugereranyije na Mutarama 2023. Ibiciro mu kwezi kw'Ukuboza 2023 byari byiyongereyeho 6,4%.

Mu kwezi kwa Mutarama 2024, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 7,4% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 6,4%.

Ugereranyije Mutarama 2024 na Mutarama 2023, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 5,4%.

Ugereranyije Mutarama 2024 n'Ukuboza 2023, ibiciro byagabanutseho 0,1%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,3%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Mutarama 2024, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 1,9% ugereranyije na Mutarama 2023. Ibiciro mu kwezi kw'Ukuboza 2023 byari byiyongereyeho 6,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Mutarama 2024, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,1%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 9,5% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 12,3%.

Ugereranyije Mutarama 2024 n'Ukuboza 2023, ibiciro byagabanutseho 1,4%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,7%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Mutarama 2024 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 3,1% ugereranyije na Mutarama 2023. Mu kwezi kw'Ukuboza 2023 ibiciro byari byiyongereyeho 6,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Mutarama 2024, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 2,9%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 6,3% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 8%.

Ugereranyije Mutarama 2024 n'Ukuboza 2023, ibiciro byagabanutseho 0,9%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,3%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mutarama 2023 kugeza muri Mutarama 2024.**

| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije** | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **2023** | | | | | | | | | | | | **2024** |
| | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** | **08** | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 20,7 | 20,8 | 19,3 | 17,8 | 14,1 | 13,7 | 11,9 | 12,3 | 13,9 | 11,2 | 9,2 | 6,4 | 5,0 |
| Mu byaro | 38,8 | 37,1 | 39,5 | 35,9 | 28,2 | 25,1 | 21,0 | 20,8 | 21,5 | 14,1 | 9,6 | 6,1 | 1,9 |
| Mu Rwanda | 31,1 | 30,3 | 31,0 | 28,4 | 22,4 | 20,4 | 17,3 | 17,4 | 18,4 | 12,9 | 9,4 | 6,2 | 3,1 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 1,3 | 1,8 | 1,8 | 1,1 | -1,3 | 0,4 | 0,0 | 0,9 | 3,6 | 0,3 | -1,0 | -2,5 | -0,1 |
| Mu byaro | 2,6 | 3,2 | 4,3 | 2,0 | -3,5 | -1,0 | 0,0 | 1,4 | 4,3 | 1,1 | -2,4 | -5,6 | -1,4 |
| Mu Rwanda | 2,1 | 2,7 | 3,4 | 1,7 | -2,7 | -0,4 | 0,0 | 1,2 | 4,0 | 0,8 | -1,9 | -4,4 | -0,9 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw